

# Inama zo gutwara mu gihe haguye urubura rwinshi

## Kwirinda impanuka, gukomereka ndetse n'ibibazo mu muhanda



### Jyana imodoka ku mukanishi kugira ngo arebe ko nta kibazo ifite

Genzura, amapine yagenewe kugendera ku rubura yongera amahirwe yo guhagarara ndetse abasha no kurinda impanuka

Reba ko moteri ikora neza ndetse n'ibisukika

Genzura ko imodoka ifite amazi, radiyateri ndetse na lisansi bihagije

### Itegere – Bifata igihe kirekire/tangira kare:

Soma amakuru avuga ku iteganyagihe ([wktv.com](http://wktv.com)), imihanda ifunze n'imihanda migari. <https://511ny.org/>

Mbere yo gutwara, banza ukure urubura mu matiyo asohora umwotsi, cana imodoka mbere kugira ngo ishyuhe, kura urubura ku madirishya, ku modoka ndetse no ku matara

Wibuke ko amateme ndetse n'ibiraro bikonja cyane mbere y'imihanda.

Ongera umwanya hagati y'imodoka yawe n'imodoka iri mbere yawe

Gabanya umuvuduko w'imodoka yawe, urubura ruranyerera. Guhagarara bitwara umwanya.

Iga uko wakira ubunyereri imihanda iranyerera mu gihe cy'ubukonje.

Menya niba ufite sisitemu ituma feri zitifunga. (Antilock Braking system, ABS). NTUZIGERE upompa feri za ABS

### Itwaze ibikoresho byo gukoresha mu bibazo bitunguranye

Itoroshi, ingofero, ibirindantoki, ikiringiti cyo kwifubika ndetse n'ibyo gucana umuriro (ikibiriti mu gikapu kitinjiramo amazi)

Amazi yo kunywa, ubunyobwa, imbuto zumye ndetse na bombo

Igitiyo, agakoresho gaharura urubura ndetse n'insinga zo gushitura imodoka

Umucanga, umunyu/ifu iyongesha urubura, cyangwa se kitty litter (umucanga) mu gihe waba usaye mu rubura ndetse no kugira ngo imodoka ibashe gukururwa.

TS. Kinyarwanda. Winter Safe Driving Tips. 2020



Governor's Traffic Safety Committee